MISA Y'AMAVUTA MATAGATIFU MURI DIYOSEZI YA NYUNDO

Kuri uyu wa kabiri tariki 22/03/2016, muri Diyosezi ya Nyundo habaye Misa y'Amavuta Matagatifu. Iki Gitambo cya Misa cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ushoje ikivi cye ari kumwe n'Umushumba mushya watorewe kuyobora Diyosezi ya Nyundo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ; bashagawe n'Abasaseridoti ba Diyosezi ya Nyundo, Abihayimana n'imbaga y'abakristu.

Mu ntangiriro z'Igitambo cya Misa, Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI, Igisonga cy'Umwepiskopi Ushoje ikivi, yabwiye abari aho icyabakoranije :

- Guha umugisha Amavuta Matagatifu azakoreshwa umwaka wose

- Gusubira mu masezerano kw'Abasaseridoti
- Kwizihiza isabukuru y'imyaka 19, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE amaze ayobora Diyosezi ya Nyundo.

Mu nyigisho yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE yabwiye abari bateraniye aho ko kuba baturutse hirya no hino ari ikimenyetso cy'ubumwe bafitanye. Yasabye Abapadiri n'Abadiyakoni ko bazirikana ku butore bwabo; yagize ati : "kuri uyu munsi tugomba kuzirikana ku butore bwacu, buri wese agasubiza amaso inyuma akareba imyaka amaze yiyemeje kuba umusaseridoti, abwira Imana ko yishyize mu maboko yayo. Twibuke igihe baturamburiyeho ibiganza, tuba Abadiyakoni, Abapadiri cyangwa se Abepiskopi. Twahawe ububasha bukomeye bwo guhagararira Kristu, gutura Igitambo, gukiza abantu ibyaha mu izina rya Kristu n'irya Kiliziya. Twoherejwe gukomeza ubutumwabwa Yezu kugira ngo tumufashe gukiza abantu. Uko kuramburirwaho ibiganza byatugize abantu bashya bafite inshingano zikomeye tuyobora imbaga y'Imana, tuyigisha kandi tuyitagatifuza. Ni ukuvuga ko imbere ya Yezu na Kiliziya ntabwo turi ba bandi basanzwe."

Umwepiskopi yatanze urugero ko iyo umusore n'inkumi bahawe Isakaramentu ry'Ugushyingirwa, baba babaye umwe bityo iyo umwe muri bo atandukiriye agakora nk'aho mugenzi we adahari cyangwa agahisha abantu ko afite isezerano kiba ari ikibazo. No ku basaseridoti ni uko; iyo turamburiweho ibiganza ntituba tukiri wa musore bari basanzwe bazi, ahubwo tuba twabaye abahanuzi kuko abantu baza bakakubwira amabanga yabo bazi neza ko duhagarariye Yezu. Uyu munsi

dusubize amaso inyuma, tuzi abo tugomba kuba bo n'ubwo twatowe mu bantu tugashyirirwaho kunga abantu n'Imana ndetse no kubunga hagati yabo.

Umusaseridoti ni umuntu ugomba kurangamira Kristu ntarangamire iby'isi; ntagomba gushyira imbere inyungu ze ahubwo agomba gushyira imbere inyungu za Kiliziya. Asabwa gukunda Kristu akamwitangira; agomba kurangwa n'ukwemera. Agakunda Diyosezi ye ashyira imbere inyungu za Diyosezi ye kandi akayirwanira ishyaka. Agomba kurwanira ishyaka ubumwe bw'Abapadiri ndetse no kunga ubumwe n'Umwepiskopi. Harimo abareba ibitagenda neza bagasa nk'aho ari abakinnyi bari kureba umupira bavuga ibitagenda; abo bakunda kureba amakosa y'abandi maze amafuti yabo bakayibagirwa.

Umusaseridoti agomba kurangwa no kwisabira ndetse no gusabira imbaga y'abakristu ashinzwe. Yabasabye kwisabira kuko sekibi ihari. Uko kwisabira kukajyana no gusaba imbanazi aho umuntu aba yarateshutse ku butumwa bwe. Umusaseridoti kandi yakagombye kwicisha bugufi imbere y'Imana n'abantu, akarangwa n'impuhwe. Ntagomba gutegekana igitugu kuko ibyo binyuranije n'amasezerano ye. Umusaseridoti kandi si wa wundi ushaka kumvisha abantu ahubwo ni wa wundi w'umugaragu ni yo mpamvu iyo uhabwa ubusaseridoti baguhereza Bibiliya bakakubwira ko guhera uwo munsi ubaye umugaragu w'Ijambo ry'Imana.

Mu butumwa bw'umusaseridoti ahura na byinshi, akabona ibibazo biri mu mbaga ashinzwe bityo bikamufasha kubasabira, yewe hari n'abadusaba kubasabira tugakeka ko ari ukwivugira kandi baba bakeneye isengesho ryacu ku buryo bukomeye. Abo dushinzwe badutezeho byinshi kandi bifuza kutubona nk'abapadiri. Ibyo wasezeyeho ukabimenya kuko aho si ho baguteze. Umunsi nk'uyu tuzirikane ko inshingano zacu zitoroshye tube maso kuko sekibi na we ari maso. Dushimire Imana yadutoreye kuba abasaseridoti kubera ko yadushinze imirimo ikomeye mu bihe bikomeye. Tuyishimire ko yatwigombye kuko yari idufitiye icyizere natwe tuyereke ko twayeguriye byose; byose tubinyuze ku mubyeyi w'Abakene.

Mbere yo guhabwa umugisha, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, watorewe kuyobora Diyosezi ya Nyundo,yavuze ko yifuzaga gukora mu biganza bya buri wese ariko bikaba bitamushobokera kubera ari benshi. Yavuze ko yifatanije n'abari aho kwifuriza Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, isabukuru nziza y'imyaka 19 amaze ayobora Diyosezi ya Nyundo. Yifurije umunsi mwiza kandi Abapadiri n'Abadiyakoni. Yishimiye ubwitabire abantu bagize baza mu Misa bikaba bimugaragariza imizi ikomeye

y’ubukristu muri Diyosezi ya Nyundo. Yifurije abari aho kuzagira ibihe byiza muri iki cyumweru gitagatifu kandi anabifuriza kuzagira Pasika nziza.

Nyuma y’Igitambo cya Misa, Abepiskopi bombi, Abapadiri, Abadiyakoni n’Abihayimana bahuriye hamwe maze barasangira.

Mu Ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, yagaragaje ko uyu munsi ashimira Imana imyaka 19 amaze ayobora Diyosezi ya Nyundo; ariko imyaka yose amaze muri Nyundo ikaba igera kuri 35 kuko yayigezemo mu 1981. Arashimira Abapadiri ba Nyundo bahise bagaruka bavuye mu burayi nyuma yo kurokoka Jenoside yakorewe Abatutsi mu w’1994, bakirengagiza ibibazo banyuzemo bakagaruka gutabara diyosezi yabo yari yarabaye amatongo. Atangira kuyobora Diyosezi ya Nyundo yasanze hari umurongo ngenderwaho wo kubaka Diyosezi wari wakozwe n’Abapadiri bafatanije na Musenyeri KALIBUSHI.

Arishimira intambwe Diyosezi imaze kugeraho, n’ubwo muri abo bayigejeje aha abenshi batabarutse ariko aho bari baradusabira. Yavuze ko Diyosezi ya Nyundo yubakiye ku maraso y’aba “***Martyrs***” baranzwe no kutikunda ahubwo bagakunda Imana na Kiliziya, ingero ni nka Padiri Augustin NKEZABERA na Félicité NIYITEGEKA . Aho tugeze aha ntitwakagombye kubyiyitirira twiyibagije abantu bitanze. Yavuze ko asaba imbabazi niba hari abo yaba yarahutaje ariko ko kwari ukugira ngo bagaruke mu murongo; ntawe ugucyaha kuko akwanze ahubwo ni ukugira ngo akwibutse ibyo wiyemeje. Arashimira Imana kandi yahaye Diyosezi kunguka Paruwasi 5 nshya kandi n’izindi ziri gutegurwa nka Gakeri na Kora zikaba ziri hafi.

Uburyo bwamufashije kufasha abakristu ni “***Pastorale de proximité***” akaba yarabifashijwemo n’Abapadiri bageraga kuri 25 ubwo yatangiraga kuyobora iyi Diyosezi none bageze mu bapadiri 100; abenshi muri bo baracyari abasore. Yasoje Ijambo rye aha ikaze Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA kandi yongera Gushimira Imana imugejeje aha, yagize ati “***Igihe kirageze Nyagasani ngo umugaragu wawe yigendere mu mahoro***”.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yongeye kugaragaza ibyishimo byo kuba yaje muri iyi Misa y'Amavuta Matagatifu maze by'agahebuzo agasanga Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE afite isabukuru y'imyaka 19 amaze ayobora Diyosezi ya Nyundo.

Yashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE uko yitanze akaba ayigejeje ahantu hashimishije n'ubwo yayigezemo yarabaye amatongo; ibyo byiza byagezweho afatanije n'Abapadiri bazabikomeraho. Aramushimira byimazeyo kandi uko yafashije urubyiruko akarushishikariza kwiha Imana none akaba afite abapadiri benshi b'abasore. Arishimira ko Abapadiri bagiye gufatanya muri Diyosezi bagiye bakorana mu buryo bunyuranye cyane abakuru kandi bamwe muri bo bariganye yewe bakaba bageze muri yubile y'imyaka 25 bahawe ubusaseridoti, abandi bakiri abasore abenshi akaba yarabigishije mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda. Azagerageza gusura za Paruwasi zose n'amwe mu ma santarali ku buryo yizera ko uyu mwaka wa 2016 uzarangira azirangije. Yatangaje ko na we azita kuri "***Pastorale de proximité***".

Intego ye (**MISERICORDES SICUT PATER**) ivuga ngo « **NIMUBE ABANYAMPUHWE NKA DATA URI MU IJURU** », yayihisemo kubera ko atorewe kuba Umushumba wa Diyosezi mu gihe turi mu mwaka w'Impuhwe; akaba yarifuje ko na nyuma y'uko uwo mwaka uzarangira, tuzakomeza kuzirikana ku Mpuhwe z'Imana.Yasoje ashimangira ko agendeye ku byo abamubanjirije bagezeho; azakora ibishoboka byose kugira ngo babishyigikire kandi babikomeze mu bufatanye bwa buri wese.